Papa aradusaba kudatinya, ahubwo tukarangamira Yezu uduha urumuri rudufasha guhangana n'ibibazo duhura na byo. Papa kandi adusaba kwiyakira uko turi no kwirinda guhunga ibibazo no gushakira ibisubizo aho bitari: mu guhunga imiryango yabo, ibihugu byabo, mu biyobyabwenge. Papa nanone anatugira inama yo gutinyuka guhanga udushya, kumenya kugisha inama abakuru, gukunda Imana no kuyiha umwanya w'ibanze mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Ijwi ry'umujene muri Forumu**

Ubwanditsi bw'Akanyamakuru "Wigira ubwoba" bwatunze mikoro abajeni. Hari ku gicamunsi cyo kuri uyu wa kane 09 Kanama 2018.

Duhereye kuri Rugaba Cyprien uhagarariye urubyiruko Gatolika muri Diyosezi ya Cyangugu. Yatubwiye ko hamwe n'abandi, bakora ubutumwa bwo kwigisha urubyiruko kwirinda ibyaha bitandukanye, nk'umukristu mwiza, kwirinda ibiyobyabwenge byiganje mu rubyiruko, yewe n'urwo muri Kiliziya Gatolika. Hari amahuriro y'urubyiruko atandukanye buri gihe iyo bahuye usanga babiganiraho ngo barebe ko byacika. Bakora ubutumwa no ku rubyiruko rutitabira ibikorwa bya Kiliziya bakarusanga aho ruri kugira ngo nabo bazabireke. Aragira ati: "Tubakoraho ubutumwa muri karitsiye dusura abajeni batajya basenga kuko akenshi ni bo bibanda muri ibyo biyobyabwenge".

Hari kandi n'uwishimiye uruhare rwa Kiliziya mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge, cyane cyane ahereye kuri gahunda ya Forumu Kiliziya y'u Rwanda yashyiriyeho urubyiruko. Yagize ati: "Koko umujeni aza aturutse hirya no hino ari n'ubwambere ageze muri Cyangugu, atazi umuryango azajya kuruhukiramo, kandi bose baba bishimiye kujya mu miryango. Byumvikane ko hari ubumwe mu banyarwanda, kuko ntawe turabona avuga ko aho yagiye atahishimiye cyangwa se avuge ko yabonye batamwishimiye".

Undi mujeni yavuze ko ubwiyunge bushoboka mu Rwanda kandi buhari: "Kwiyunga birashoboka kuko nkurikije ibyabaye muri Mata 1994, mu Rwanda haba Jenoside yakorewe abatutsi, siniyumvishaga ko hari igihe abantu bangana uku basaga ibihumbi bitatu bataziranye baturutse hirya no hino bateranira hamwe ntacyo bishisha".









*N'ab'i Bwotamasimbi ntibahatanzwe!!!*



*Guhimbarwa kuri bose, kimwe mu biranga Forumu!!!*



***Aho bukera Inzira y'Umusaraba izaba Marathon, ubwo itangiye kuba ikinimba n'amarapu!!!***





"WIGIRA UBWOBA" NO 2

# AKANYAMAKURU KA FORUMU YA 17 Y'URUBYIRUKO CYANGUGU, 8-12/8/2018







**Tube abahamya b'ukwemera n'abagaragu beza b'Imana**

Mu Gitambo cy'Ukaristiya, Musenyeri Célestin yashishikarije urubyiruko kuba abagaragu beza b'Imana bitanga batizigama bagamije gusingiza Imana no gukiza abantu, bagahamya ukwemera bashize amanga kugeza n'aho bakwemera guhara amagara yabo kubera Yezu Kristu.

Uko kwemera kutajegajega, ni ko kuzabamurikira bagashobora kwita ku bakene, gukurikiza neza amategeko y'Imana no kuyegurira ingingo z'imibiri yabo zose. Yasoje asaba urubyiruko kuba imbuto nziza, ziryoshye no kuba indabo nziza, zihumura kandi zibengerana ubwiza bw'Imana.

Ubwanditsi:
Padiri Longin NDUWAYEZU
Padiri Fidèle NSHIMIYIMANA
Fratri Innocent MBARUSHIMANA
Fratri Pierre Damien NIZEYIMANA
Mme Grâce INGABIRE
Mlle Jeanne d'Arc NYIRAMWIZA

### Gushishoza ijwi ry'umuhamagaro

Inyigisho yabimburiye izindi ni iyatanzwe na Mgr Prudence RUDASINGWA, Ushinzwe guhuza ibikorwa by'ikenurabushyo muri Diyosezi ya Cyangugu, aho yagarutse ku ngingo yo "gushishoza umuhamagaro". Ahereye ku Byanditswe Bitagatifu, Musenyeri Prudence yabwiye urubyiruko ko umuhamagaro utangirana n'iremwa ry'ibintu byose: ijuru n'isi, ibintu n'abantu (Intg 1, 1-4). Ni ukuvuga ko Imana yahamagaye ibintu byose ibivana mu busa ikabishyira mu buzima. Buri kintu cyose Imana yagihamagariye kubaho ku buryo bwacyo, igiha ubutumwa bwihariye. Bityo umuhamagaro w'ibanze, muntu asangiye n'ibindi biremwa, akaba ari umuhamagaro wo kubaho.



Byongeye kandi buri kiremwa gifite umumaro n'impamvu yo kubaho; uwo mumaro na wo ukaba ari umuhamagaro. By'umwihariko ariko muntu we Imana yamuremanye ubwenge n'urukundo rutuma asabana na mugenzi we, yigana atyo umushyikirano uranga Ubutatu Butagatifu.

Musenyeri Prudence akaba yibukije urubyiruko ko Imana yaremanye buri wese ubwigenge kugira ngo ashobore kuba ishusho yayo no gusa nayo, amenya gutandukana ikibi n'ikiza, gukora ibihuje n'ugushaka kw'Imana.

Mu gusoza, Musenyeri Prudence yabwiye urubyiruko ko Yezu







aduhamagarira kumubera abahamya mu bantu no kwitagatifuriza mu rukundo, kuko ari wo murage yadusigiye: « Mbahaye itegeko rishya ». Bityo, agaragaza ko umuhamagaro wo kwiyegurira Imana n'uwo kubaka urugo, ari inzira zuzuzanya zo kubahiriza iryo tegeko ry'urukundo.

Iyo nyigisho yakurikiwe n'ubuhamya bw'abari mu miryango y'Abiyeguriyimana basangije urubyiruko muri make ubuzima bw'imiryango yabo.

### Ibibazo byugarije urubyiruko

Mu masaha ya nyuma ya saa sita, Padiri Balthazar NTIVUGURUZWA, Umuyobozi wa Kaminuza Gatolika ya Kabgayi, yahaye urubyiruko ikiganiro ku bibazo byugarije urubyiruko muri iki gihe n'uruhare rw'Inyigisho za Kiliziya mu kubikemura.

Padiri yatangiye yerekana ko uruhare rw'inyigisho za Kiliziya mu gukemura ibibazo byerekeye imibereho n'imibanire y'abantu rushingiye kuri Yezu wayishinze akayiha ubutumwa: yigize umuntu ngo asangire natwe akabisi n'agahiye; ibibazo byacu byose arabizi.



Agaruka ku bibazo byugarije urubyiruko muri iki gihe, yavuze ko ahanini hari ibishingiye ku mateka y'igihugu cyacu yaranzwe n'amacakubiri yagejeje no kuri Jenocide.

Hari kandi ibibazo ibishingiye ku mpungenge urubyiruko ruterwa ejo hazaza: ubukene, ubushomeri, intambara, ubuhunzi, indwara z'ibyorezo n'izindi zidakira, ibibazo by'imibanire mu miryango, kugira inshingano z'umuryango imburagihe kubera kuba impfubyi, kubura amikoro yo kwiga kaminuza kandi ufite ubushake n'uburenganzira uhabwa n'uko watsinze neza ayisumbuye.





Ibindi bibazo birimo ruswa (cyane cyane ishingiye ku gitsina), gukoresha nabi ibintu byo ku isi ku buryo bitagera kuri bose, gukoresha nabi ikoranabuhanga, biha urwaho ibinyoma n'ibikorwa by'urukozasoni. Hari kandi n'igishuko cyo kwigereranya n'ibihangange n'ibikomerezwa byo ku isi (abastar).

Hari nanone n'ikibazo cyo kudasobanukirwa n'ubuzima icyo ari cyo, abantu bakumva ko ubuzima burangirira mu guhaza ibyifuzo n'ibyiyumviro by'umubiri, bikurura gutwarwa n'ibiharaye n'ibigezweho. Kwiringira imbaraga zacu byonyine, ubwenge n'ubushobozi byacu. Padiri yagarutse kandi ku kibazo cyo kubihirwa n'ubuzima biganisha mu buzererezi, ibiyobyabwenge by'amoko yose, kwicuruza, kwiyahura no kwinjira mu mitwe y'iterabwoba.



Padiri yakomoje no ku ngaruka z'imitekerereze n'imyumvire byadutse bitugeza ku ngirwandangagaciro, aho ku bajene bo mu Rwanda by'umwihariko, hari ikibazo cyo kubura uburere bw'ibanze mu muryango, umubano mubi w'ababyeyi utuma batita ku bana, ubusambanyi buhoraho kubera inkwano ihenze, gusimbuka inzego no gushaka gukira vuba kandi utavunitse, ingirwamadini zibeshya abantu, kugirwa ibikoresho n'abakomeyе babagusha mu bucakara bw'ibyifuzo byabo.

Nubwo urubyiruko ruhura n'ibyo bibazo, Padiri Balhazar yaberetse ko hakiri amizero: mu nyigisho Kiliziya itanga, tuhasanga ibisubizo kuri ibyo bibazo. Izo nyigisho Kiliziya izivana mu Ijambo ry'Imana, mu mateka yayo no mu buzima bw'abemera. Padiri Balthazar yagarutse ku nzira Kiliziya inyuramo kugira ngo igire icyo ikora kuri ibyo bibazo: Kureba ikitegereza, Gushishoza no kugira icyo ikora. Yanerekanye indangagaciro Kiliziya ishingiraho inyigisho zayo, ari zo ukuri, Ubutabera, amahoro n'urukundo Yezu yaturaze.

Padiri yashoje, yereka urubyiruko inama Papa Fransisiko atugira mu rwego rwo kugira uruhare mu gukemura ibyo bibazo.